208

D3 promotion des arts, de l'écrit et de droit d'auteur.

Kwimakaza ubumwumwanye ndangamuco

1997

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI.

Kigali, ku wa 2/9/1997

## KWIMAKAZA UBWUZUZANYE NDANGAMUCO.

**Ikiganiro cyatazwe na Bwana Yohani MUKIMBIRE, Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni, mu cyumweru cy'Umuco 1- 8/ 9/ 1997**

Banyacyubahiro
Banyakubahwa
Babyeyi muri aha
Bavandimwe
Rubyiruko

Kuva mu w'i 1988, kugeza muri uyu turimo w'1997, isi yose aho ava ikagera, imaze imyaka icumi yarimakaje << *umuco mu majyambere.*>>. Ubwo lero uyu mwaka, isi yose isoza iyo myaka cumi yitiriwe << *guteza imbere umuco*>>, twe Abanyarwanda twamaze imyaka cumi mw' itsembamwuco no mu ngaruka zaryo, dukunze kwita itsembabwoko n'itsembatsemba.
Twe lero, tubimburiye aho abandi busirije. Amahirwe tugira, nuko ntawusa ikivi cyo guteza imbere umuco, birtyo, natwe uko turi kwose , tukaba tugiye mu rwunge rw'abandi .

Inteko yigenga, igizwe n'abahanga 23, babereye abandi kw'isonga ry'ubushakashatsi, mu rwego rw'isano riri hagati y'umuco n'amajyambere, yarateranye. Yiha imyaka cumi, yo kwiga no gutangariza isi yose isano ry'umuco n'amajyambere.

Indorerwamo yabaye iy'iryo sano, itugaragariza interuro icumi, zikubiye mu nsanganyamatsiko y' umuco n'amajyambere.

Dore mu mbonerahamwe urutonde rw'izo nteruro.

| Mu Kinyarwanda ducirishije | Français | English |
|---|---|---|
| 1. Intera nshya y'ibitekerezo-hame | 1Vers une éthique | 1. A new global ethies |
| 2. Kwimakaza ubwuzuzanye ndangamuco | 2. Un engagement en faveur du pluralisme | 2. A commitment to pluralism. |
| 3.Ubuhanzi n'uruhare rwa buri wese . | 3. Créatinité et pleine participation. | 3. Creativity and Empoverment. |
| 4. Itanganzamakuru mu ruhando rw'ibibazo ndangamuco. | 4. Les défis d'un monde médiatisé. | 4. Challenges of a Media -Rich World. |
| 5. Uruhare rw'umwari n' umutegarugori mu muco. | 5. Les femmes et la culture. | 5. Gender and culture. |
| 6. Uruhare rw'urubyiruko mu muco. | 6. Les jeunes et les enfants. | 6. Children and young people. |
| 7. Uruhare rw'umurage ndangamuco mu majyambere. | 7. Le patrimone cultural au service du développement. | 7. Cultural heritage for development. |
| 8. Umuco n'ibidukikije. | 8. Environnement et culture. | 8. Culture and the environment. |
| 9. Gutsura, kuzahura politiki ndangamuco. | 9.Repenser les politiques culturelles. | 9. Rethinking cultural policies. |
| 10. Ubushakashatsi bugezweho mu rwego ndangamuco. | 10. Les besoins en matière de recherche. | 10. Research needs. |

c) Muri politiki ndangamuco kandi; imbanga z'insangwabutaka, zigira umuco zihariye, zigomba kudahungabanywa mu muco zihariye. Uretse n' umuco wa bene izo mbaga, n'uburenganzira ku bwagombye kubahirizwa na none barebye inyungu rusangi. Na politiki y'uburezi kuri bene izo mbaga zisangiye umuco, igomba gushingira ku mwihariko w'umuco wazo. Bene izo mbaga kandi aho zirangwa zagombye guhabwa amikoro ahagiye kugira ngo mu rwego rwo gutangaza ibitekerezo byazo.

Akenshi, abasuzugura umuco w'imbaga iyi n'iyi, balifatanya n' irondakoko, iri naryo rishingira kw'isumbwe, ku bwibone bwa bamwe. Ubwo bakitiranya umuco, ubwoko n'uburenganzira, nyamara wa mugani w'abanditse ya raporo, mu gifaransa: << Quand bien même découvrirait-on un jour, en contradiction avec toutes les preuves actuelles, qu'il existe des différences fondamentales entre tels et tels groupes sur le plan de l'intelligence, des facultés ou des aptitudes, aucun principe éthnique ne pourrait en être inféré >>.

## 4. AMEKEREZO Y' IBITEKEREZO NDANGAMUCO.

Kugira ngo umuryango w'abantu utuye isi ugere ku majyambere aboneye, abereye ikiremwamuntu, inyokomuntu, icyakwitabaho by'ibanze mu rwego ndangamuco, ni ukugena, uguteganyiriza ibihe biri imbere ushingiye ku bintu bitatu:

a. Icyo imbaga iyi n'iyi yabaye cyo, mu birali by'amateka yayo.
b. Icyo imbaga iyi n'iyi iri ubu,
c. Icyo imbaga iyi n'iyi ishaka kuba cyo, mu bihe biri imbere.

Buri mbaga igira imizi ndangamuco, kandi ndangamutima,ishora kure ikimenyetso cyayo kirangwa mu museke, mu museso w'amateka, icyo kikaba igicumbi cy'umuco wayo, kikaba kinagomba gusagasirwa no kubahirizwa girtyo.

Imyihariko ndangamuco ni yo ndangamuntu nyakuri, ni yo ndangambaga y'imvaho, niyo itanga imvugo imwe n'ururimi rumwe mu rutonde rw'amateka, ureke iri jambo ry'aka kanya, ureke ijambo iri riramba akanya k'umurabyo. Abahanga basanga isoko ndangamuco uko urivomye aho kuritubya ahubwo uraritubura, ikindi kandi isoko ndangamuco uko uricukuye, niko ugenda usanga inyokomuntu isangiye soko, ibyo kudutanya ahubwo rikaduhuza.

Mu Rwanda twakwiha izihe nshingano, izihe ngamba, iyihe gahunda ndangamuco, mu bihe bya vuba aha, mu bihe biciriritse no mu bihe bishyira kera, uhereye ku byo twavuze?

ndangamuco.

## BIRACIKA MU MARENGA NDANGAMUCO.

Dore muri rusange, icyo ba bahanga 23 bavuga. Isi dutuye, ubu irarangwa n'itsembamuco, rigaragazwa n'uruhando rw'intambara, zimwe zinagera mw' itsembabwoko. Iryo tsembamuco rigaragarira kandi n'ubworoherane buke mu madini, kimwe n'icyo bise n'irondambaga, irondakoko, rihera mu mvugo ya ngabo, akabo, n'ibindi byose bifatanye n'imyitirire.

Abo bahanga na none, basanga kubera iyo mpamvu, hakwiye lero inteko zitekereza ku ngamba zikwiye, kugira ngo habe ubworoherane ndangamuco.

Isi ituwe n'imbaga ziri mu bihugu bigera kuri magana abiri. Nta gihugu na kimwe hafi kandi basanga gituwe n'imbaga irangwa n'umuco umwe rukumbi.

Icyitererezo cy'amajyambere, muri bya bihugu byose, cyibagiweho iteka ubudasa ndangamuco mu mbaga zigize ibihugu. Icyo cyitegererezo cy' amajyambere icyo cyakunze kwitaho, cyabaye ahanini ahubwo, urutonde rw' imbaga zirangwa n'imirimo inyuranye. Nyamara, ibiri amambu, ntawe uyobewe ko kwirengagiza, kwiyibagiza, cyangwa kuyoberwa uruhare rw'umuco ndangambaga bibuza ubuhwike amajyambere, birtyo bikabuza amahirwe, imbaga iyi n'iyi, iyatezeho.

Na none ariko, ntitwibagirwe ko kwironda mu muco ari bibi nko kwironda mu moko, ku buryo nabyo byagirwaho igikoresho cyagira ingaruka nk'iziyorora n'irondakoko zizwi.

Niyo mpamvu hagomba ubworoherane ndangamuco. Ubudasa ndangamuco bukwiye kwishimirwa, hagati y'imbaga kimwe no hagati y'ibihugu.

Icyagaragaye, nuko, mw'izina ry'amajyambere, ubwo bworoherane, ubwo bwubahane, bwagiye bugendera buhoro buhoro. Ugasanga nk'urugero, imbaga iyi n'iyi ihatiwe kwimuka, birtyo bigahungabanya urwego rwayo, bikaba ngambwa kwangira kuri iyo mbaga, kurwanya ayo majyambere aje ayihungabanya mu marangamuco yayo, kuko kuyihatira kwimuka uko, bituma yumva ubusugire bwayo buhungabanye, mu rwego ndangamuco, ubwo iyo mbaga ikumva uburumbuke n'uburambe bwayo kw'isi bihungabana, ikumva na none